REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

UBUTUMWA BUJYANYE N'AMATORA MU NZEGO Z'IBANZE NO MU NAMA Z'IGIHUGU

Kigali, ku wa 14/01/2021

1. INTANGIRIRO

Mu Rwanda, nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ubuyobozi butangwa n'Abaturage bishyiriraho Abayobozi, binyuze mu matora akozwe mu mucyo no mu bwisanzure, hagamijwe imiyoborere myiza n'iterambere rirambye. Muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora y'Abayobozi mu Nzego z'Ibanze no mu Nama z'Igihugu (Ibyiciro byihariye) ateganyijwe muri Gashyantare na Werurwe 2021. Ubu butumwa bukaba bugamije gukangurira Abanyarwanda kuyamenya, kuyagira ayabo no kuyagiramo uruhare rugaragara, birinda gukwirakwiza covid-19.

2. AMATORA Y'ABAGIZE INZEGO Z'IBANZE

Muri aya matora, hazatorwa abagize Komite Nyobozi z'Imidugudu, abagize Inama Njyanama z'Utugari, Imirenge n'Uturere, abagize Biro kuri buri rwego n'abagize Komite Nyobozi z'Uturere, **uretse mu Mujyi wa Kigali.**

Abanyarwanda barasabwa kuzitabira amatora ateganyijwe **tariki 20/02/2021** azakorwa mu buryo butaziguye, ababyemerewe n'amategeko batora abayobozi bakurikira.

1) Abakandida b'Abagore batorwamo 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akagari
2) Umujyanama rusange uhagararira Umudugudu mu Nama Njyanama y'Akagari
3) Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu;
4) Abakandida b'Abagore batorwamo 30% by'abagize Inama Njyanama y'Umurenge;
5) Abajyanama b'Abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akagari;
6) Amatora y'Umujyanama rusange uhagararira Akagari muri Njyanama y'Umurenge.

Abanyarwanda barasabwa kandi kwitabira, tariki **09-21/02/2021**, igikorwa cyo kwiyamamaza kw'abifuza kujya mu Nama Njyanama y'Akarere no kuzitabira amatora yabo, tariki ya **22/02/2021**, muri buri Murenge.

3. AMATORA Y'ABAGIZE KOMITE NYOBOZI Z'INAMA Z'IGIHUGU

Mu matora y'Abagize Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu, hazatorwa abakurikira:

1) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore (abantu 7), kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu;
2) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (abantu 7) kuva ku rwego rw'Akagari kugeza ku rwego rw'Igihugu;
3) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko (abantu 9, kubera 2 binyongera bahagararira Amashuri y'Isumbuye n'Amashuri Makuru aho ari) ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere no ku rwego rw'Igihugu.

Abagize icyiciro cy'Abagore, icy'Urubyiruko n'icy'Abafite ubumuga barasabwa kuzitabira by'umwihariko amatora akurikira, aho ababyemerewe bazatora abagize ibyiciro bikurikira:

1) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku Mudugudu, **tariki 23/02/2021;**
2) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku Mudugudu, **tariki 24/02/2021;**
3) Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga ku Kagari, **tariki 26/02/2021;**
4) Komite Nyobozi z'Inama z'Igihugu ku Murenge, ku wa **27/02/2021** no ku Karere, ku wa **03/03/2021.**

4. KWIRINDA GUKWIRAKWIZA COVID-19 MU BIHE BY'AMATORA

Amatora mu nzego zegerejwe Abaturage ntakwiye kutubera intandaro yo gukwirakwiza icyorezo cya covid-19 mu Gihugu. Ni cyo gituma, mu bikorwa by'amatora by'umwihariko, twese duhamagarirwa gukurikiza amabwiriza yo kwirinda icyorezo, kandi abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora bose bakabigiramo uruhare.

5. UMUSOZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irasaba abafatanyabikorwa bayo gukora ubukangurambaga kugira ngo amatora azitabirwe ku buryo bushimishije, hubahirizwa amabwiriza yo kwirinda covid-19, kandi hazatorwe ababishoboye babikwiye, bazageza Igihugu ku miyoborere myiza iganisha ku iterambere rirambye.

Digitally signed by
NEC (CHAIRMAN)
Date: 2021.01.19
08:56:07 +02'00'

Prof. KALISA MBANDA, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora